بسم الله الرحمن الرحيم

## IGISOBANURO CY'IGISIBO

Igisibo mu rurimi rw'icyarabu, bisobanuye: Kwifata no kwigomwa. Naho mu mategeko y'idini, bisobanuye: Kugandukira Imana wigomwa kurya no kunywa, no kureka ibindi byose bijya mu mubiri, kuva mu museke w'ukuri kugeza izuba rirenze.

## INKINGI Z'IGISIBO

Inkingi z'igisibo ni ebyiri: **1.** Kugira umugambi. **2.** Kwigomwa buri kintu cyose cyo kurya.

## IBICE BY'UMUGAMBI MU GISIBO

**1. Umugambi w'itegeko:** Ni ngombwa kurarana umugambi mu gisibo cy'itegeko kuva ninjoro, mbere yuko umuseke utambika, ariko birahagije gushyiraho umugambi rimwe ukwezi kwa Ramadhani gutangiye, kandi umugambi uba ku mutima, naho kuwatura ni kimwe mu bihimbano. **2. Umugambi w'igisibo cya Suna:** Uwo wemerewe kuwushyiraho igihe cyose kumanywa, igihe cyose nta kintu wariye, ariko uhabwa ibihembo kuva aho wafatiye umugambi.

## IBICE BY'IGISIBO

Ibisibo birimo ibice bibiri: **1.** Igisibo cy'itegeko aricyo (Ukwezi kwa Ramadhani, igisibo cya Kafarat n'igisibo cy'umuhigo). **2.** Igisibo cy'umugereka Suna.

## IBISABWA KUGIRANGO IGISIBO CY'UKWEZI KWA RAMADHANI KIBE ITEGEKO KU MUNTU

Ibisabwa kugira ngo igisibo cya Ramadhani kibe itegeko ni: **1.** Kuba uri umuyislamu. **2.** Kuba ufite ubwenge. **3.** Kuba ugejeje igihe (ariko umwana umaze kumenya gutandukanya ibintu we akundishwa gusiba, umushinzwe akabimutegeka). **4.** Kuba utuye (kuko igisibo ntabwo ari itegeko ku muntu uri k'urugendo, ariko ibyiza ku muntu uri k'urugendo nuko yasiba igihe igisibo kitamutera ingorane (kuko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabikoze, kandi bikaba ari n'uburyo bwihuse bwo kurangiza ibyo usabwa, bikaba binoroheye usabwa kubyubahiriza ndetse no gufatirana ibyiza by'ukwezi kwa Ramadhani). **5.** Kuba ufite ubuzima bwiza. **6.** Kuba umugore atari mu mihango cyangwa ibisanza.

## UBURWAYI MU GISIBO

Uburwayi mu gisibo burimo ibice bibiri: **1.** Uburwayi budateze gukira, bukaba bujyanirana n'ugeze muzabukuru utagishoboye gusiba, uwo ntabwo igisibo ari itegeko kuri we, ariko buri munsi w'igisibo agaburira umukene, yaba ukusanyirije hamwe abakene bangana n'umubare w'iminsi atasibye, akabaha ibiryo bya ninjoro cyangwa ibya kumanywa, cyangwa se akagabanya ibiryo abakene bangana n'iminsi yagombaga gusiba, buri mukene agahabwa ¼ cy'icyibo cy'intumwa Muhamadi (ibingana na ½ kg na 10g mu ingano nziza), ni byiza kandi ko yagerekaho n'uburisho nk'inyama cyangwa amavuta. **2.** Uburwayi bushobora gukira, ariko butera nyirabwo ingorane mu gusiba, bukaba bujyanirana n'umugore uri mu mihango cyangwa mu bisanza, umugore wonsa ndetse n'uri ku rugendo, abo bishyura iminsi batafunze iyo bakize, ariko iyo hagize upfa adakize ubwo burwayi, igisibo ntikimubarwaho.

## NI IKI GIHAMYA KO UKWEZI KWA RAMADHANI KWINJIYE

Igihamya ko ukwezi kwa Ramadhani kwinjiye ni: **1.** Kuboneka ku kwezi kwa Ramadhani. **2.** Kuzuza iminsi mirongo itatu ya Shaaban.

## IBYANGIZA IGISIBO

(Ubikoze atabizi, uwibagiwe n'ushyizweho agahato, barababarirwa) **1.** Kurya no kunywa ubigambiriye, ariko uwibagiwe igisibo cye kiremerwa. **2.** Gukora imibonano mpuza bitsina, iyo ayikoze ku manywa y'ukwezi kwa Ramadhani, kandi yarasibye igisibo cy'itegeko, icyo gihe agomba gutanga icyiru kiremereye, aricyo: Kurekura umucakara yaba ntawe abonye, agasiba amezi abiri akurikirana, yaba afabishoboye akagaburira abakene mirongo itandatu (60). **3.** Gusohora intanga kubera gukora imibonano cyangwa gusomana cyangwa guhoberana n'ibindi nkabyo. **4.** Ibijya mu mwanya wo kurya no kunywa, nko guterwa Seromo. Ariko atewe urushinge rutari Seromo byo nta kibazo. **5.** Gusohora amaraso mu mubiri ukoresheje kwirumikisha ku mutwe (Hijamat), ariko gusohora amaraso make yo gupima n'ibindi, ibyo ntibyangiza igisibo. **6.** Kwirukisha ubigambiriye. **7.** Gusohokwamo n'amaraso y'imihango cyangwa ibisanza.

## IBIKORWA BYIZA MU GISIBO

**1.** Kurya idaku. **2.** Gukereza kurya idaku. **3.** Kwihutisha kurya ifutari. **4.** Gusiburuka uhereye kuri Rutwabu (itende zahiriye ku biti), waba utazibonye ukarya itende za Tamurat (itende zatazwe), kandi zigomba kuba ari igiharwe, utazibona ukanywa intama runaka z'amazi, yaba atagize icyo abona na kimwe muri ibyo, akagambirira ku mutima we ko asiburutse. **5.** Gusaba ubusabe ugiye gusiburuka, ariko ugisibye. **6.** Gutanga amaturo (swadaqa) cyane. **7.** Kugerageza gusenga amasengesho y'ijoro. **8.** Gusoma Qor'an. **9.** Gukora Umurat. **10**. Kwibwira umuntu ugututse uti "Njyewe ndasibye". **11**. Gushakisha ijoro rya Layilatul qadri. **12.** Gukora Itikafu mu minsi icumi ya nyuma.

## IBIKORWA BITARI BYIZA NDETSE N'IBYEMEWE MU GISIBO

**1.** Gukabya mu kwiyunyuguza mu kanwa no mu mazuru. **2.** Kumva uburyohe bw'ibiryo nta mpamvu.

Biremewe ku muntu wasibye kumira amacandwe, kumva uburyohe bw'ibiryo igihe hari impamvu, koga, koza mu kanwa, kwisiga amarashi no kwikonjesha.

## IBIZIRIRIJWE MU GISIBO

**1.** Umuntu usibye kirazira kumira igikororwa, ariko ntibyangiza igisibo. **2.** Kirazira gusomana iyo wumva byakwangiriza igisibo. **3.** Kirazira kubeshya (aribyo gukora buri gikorwa cyose kizira). **4.** Kurangwa n'ubujiji no kubura ubwenge). **5.** Kirazira gusiba iminsi ibiri yikurikiranya utarya.

## IBISIBO BY'UMUGEREKA (SUNA)

**1.** Gusiba iminsi itandatu mu kwezi kwa Shawali, ariko ku muntu yujuje igisiba cya Ramadhani, kandi ibyiza ni ukuyikurikizaho ku munsi wa kabiri wa Shawali. **2.** Gusiba umunsi wa Arafat ku muntu utari muri Hijat. **3.** Gusiba umunsi wa Ashurau, ukawusibana n'umunsi wa cyenda ndetse n'uwa cumi na rimwe. **4.** Gusiba kuwa mbere no kuwa kane, ariko kuwa mbere ni ngombwa cyane. **5.** Gusiba iminsi itatu buri kwezi, kandi ibyiza ni uko yaba ari Ayamul Bidwi Tariki ya 13,14.15. **6.** Gusiba umunsi ukarya undi. **7.** Gusiba ukwezi kw'Imana kwa Muharamu. **8.** Gusiba iminsi icyenda (9) mu kwezi kwa Dhul Hijat. **9.** Gusiba ukwezi kwa Shaaban ariko ntukurangize.

## IBISIBO BITARI BYIZA

Si byiza kugira umunsi wa gatanu, kuwa gatandatu no kucyumweru umwihariko mu gusiba, ariko uramutse uhuriranye n'umunsi usanzwe usiba nk'umunsi wa Arafat nta kibazo.

## IBISIBO BIZIRIRIJWE

**1.** Kugira umwihariko ukwezi kwa Rajabu mu gusiba**.** **2.** Gusiba umunsi ushidikanywaho. **3.** Gusiba iminsi y'ilayidi ibiri. **4.** Gusiba iminsi itatu ikurikira ilayidi y'ibitambo (Ayamu Tashiriq), usibye gusa ku muntu wakoze Hijat adafite igitambo. **5.** Gusiba igihe cyose.

Ni byiza guhita umuntu yishyura iminsi atasibye, ndetse akabikora nyuma y'ilayidi, ntibyemewe gutinza kwishyura kugeza kuyindi Ramadhani, iyo umuntu atindije kwishyura nta mpamvu, ikimugomba ni ukwishyura igisibo atasibye, ariko akanabona icyaha.

## ZAKATUL FITRI

Zakatul Fitri iba itegeko ku muntu wese izuba ry'umunsi wa nyuma wa Ramadhani rirenze ariko, akaba ari umuyislamu, ibyiza bikaba ari ukuyitanga ku munsi w'ilayidi cyangwa mu ijoro riyibanziriza, ugatanga icyibo cy'ibiribwa yarya we n'abana be, kuyitangira umwana w'uruhinja nabyo ni byiza.

## IMPAMVU ZAKATUL FITRI YATEGETSWE

**1.** Kweza uwasibye ikura imyanda n'ibindi byagiye mu gisibo cye. **2.** Kurinda abakene gusabiriza ku munsi w'ilayidi.

## IGIHE CYO GUTANGA ZAKATUL FITRI

**1.** Igihe cyemewe cyo kuyitanga ni mbere yo gusenga Ilayidi ho umunsi umwe cyangwa ibiri. **2.** Igihe cyiza cyo kuyitanga ni nyuma ya Al Fajir mbere y'isengesho ry'ilayidi. **3.** Igihe cyaziririjwe kuyitanga ni nyuma y'isengesho ry'ilayidi.

## UKO ZAKATUL FITRI IGOMBA KUBA INGANA

Ni icyibo cy'ibiryo bikunze kuribwa, ntibyemewe kuyitanga mu mafaranga (icyibo rero kingana na 2.40 Kg mu ngano nziza.

## ISENGESHO RY'ILAYIDI

Ni itegeko kuri buri muntu, ikaba isengwa nyuma yuko izuba rizamutse ahangana n'icumu, kugeza izuba rivuye mu kirere hagati gato, isengesho ry'ilayidi ntiryishyurwa iyo rigucitse, ni Suna kurisengera ahitaruye amago y'abantu, ariko biranemewe no kuyisengera mu Musigiti, umuntu akaba ajya gusari ilayidi amaze kurya itende z'igiharwe, nyuma yo kwisukura no kwambara imyambaro myiza, akajya gusari anyuze mu nzira imwe, yagaruka agaca mu yindi, biremewe kandi ko abantu bifurizanya Ilayidi bagira bati "TAQABALA LLAHU MINA WA MIN'KUM", ni byiza kandi gutora Tak'birat muri rusange, mu ijoro ry'ilayidi na nyuma y'amasengeshokugeza izuba rirenze ku munsi w'ilayidi, uko Tak'birat zivugwa "ALLAHU AK'BAR, ALLAHU AK'BAR, LA ILAHA ILA LLAHU, ALLAHU AK'BAR, ALLAHU AK'BAR WA LILAHIL HAMDU". Uko ilayidi isengwa ni ugusenga Raka ebyiri mbere ya Khutubat, agatora Tak'birat esheshatu (6) nyuma ya Tak'biratul Ih'rami ku i Rakaa ya mbere, naho ku i Rakaa ya kabiri mbere yuko asoma agatora Tak'birat eshanu (5) hatarimo Tak'birat yahagurukiyeho.

**Byakuwe mu mategeko agenga Igisibo**

**Bitegurwa**

Na:

Sheikh HAYITHAMI BUN MUHAMADI JAMIL SIR'HANI

UMWARIMU MU MUSIGITI W'INTUMWA MUHAMADI

Byasobanuwe mu Kinyarwanda na Sheikh TWAGIRAMUNGU Mudathir

WWW.ATTASSEEL-ALELMI.COM